



Ubuhinzi bwa kijyambere bw'amashu

Ibikenerwa kuri Are imwe: (Are 1=m 10x10)

Ingano y'umurama	Imborera	NPK 17.17.17	Ingemwe ziterwa	Umugozi	Inkoni
Garama 5	Ibiro 200 (udutebo 8)	Ibiro 8	360	Umugozi 1	Ebyiri zifite cm 40 na cm 50

1 ICYICIRO CYA GUTEGURA UMURIMA

- Hinga neza ugeze isuka ku bujyakuzimu bwa cm15-20, ukuremo ibyatsi byose, ibiti n'amabuye. Hanyuma unaringanize umurima.
- Nyanyagiza imborera mu murima wose (ibitebo 8 kuri are imwe hanyuma uyivange mu butaka ukoresheje isuka.



2 ICYICIRO CYA GUTEGURA UBUHUMBIKIRO NO KWINAZA

Ubuso bw'ubuhumbikiro:1% by'umurima wose. Bushyire k'ubugali bwa metero 1 kugeza kuri 1.2 n'ubujyeyuru bwa cm 20. Ca imirongo yo kwinzamo ifite ubujyakuzimu bwa cm 0.5 kandi itandukanijwe na cm 10-15. Koresha imborera, amashyi abiri(ibiro 3-5) na NPK g 20 (udufuniko 2 twa fanta). Shyira umurama mu mirongo wacye ku ntera ya cm 2 hagati y'imbuto ;renzaho agataka gacye.




3 ICYICIRO CYA KWITA KU BUHUMBIKIRO NYUMA YO KWINAZA

Ubuhumbikiro burubakirwa bugatwikirwa. Shyiraho isaso y'ibyatsi byumye neza. Ingemwe zimera nyuma y'iminsi 7 kugeza ku 10. Isaso ihita ikurwaho. Ni ngombwa kuvomerera buri muni mu gitondo kare no k'umugoroba. Icira ingemwe ugabanye ubucucike, Bibaye ngombwa, tera imiti irwanya indwara (Victory cyangwa Safari-Zeb: garama 2.5/litiro y'amazi) n'ibyonnyi (Lambda-Cyhalothrin: 1 ml/1l y'amazi). Gabanya igihe cyo kuvomerera kandi ugende ugabanya igicucu cy'ubuhumbikiro mu gihe cy'icumweru kimwe cyangwa 2 mbere yo kugemura.

4 ICYICIRO CYA KUGEMURA (GUTERA)

- Gemura nyuma y'ibyumweru 3 cg 4 umaze guhumbika, Ingemwe zifite amababi 3 cg 4. Gemura ari ni mugoroba.
- Kora imitabo izamuye nibura ifite cm 20 kuri cm 60 z'ubugari,
- Cukura imyobo ifite ubujyakuzimu bwa cm15-20,intera hagati y'imirongo ni cm 40 na cm 50 hagati y'urugemwe n'urundi.
- Shyira imborera iboze neza yuzuye urushyi mu mwobo



5 ICYICIRO CYA IMIRIMO IKORWA NYUMA YO GUTERA

Gusasira, Kuvomerera, Kubagara. Ongeramo ifumbire mvaruganda mu byiciro 2: Nyuma y'ibyumweru 3 umaze gutera (kugemura): Shyira Kuri buri rugemwe g 10 za NPK (agafuniko ka fanta) k'umuzenguruko aho imizi igarukira, urenzaho agataka.Nyuma y'ibyumweru 6 umaze gutera (kugemura): Ongeramo g 20 za NPK (udufuniko 2) hagati y'ibihingwa 2, utwikirize agataka.



6 ICYICIRO CYA GUSARURA NO GUFATA NEZA UMUSARURO

Sarura ingano y'amashu yeze neza wizewe ko uhita ubona umuguzi cyangwa uhita uteka. Si byiza na none ko amashu yeze atinda cyane mu murima kuko ashobora kuboreramo cyangwa ibyonnyi bikayarya. Irinde gushyira amashu yasaruwe hafi y'arwaye cyangwa yatangiye kubora.